Yakomeje agira ati mu mwanya wa Préfet utashoboye kwiyizira ndabashimiye kuba mwara-je mwese aliko cyane cyane ngashimira Encadreur Régional hamwe na André Brien bateguye ili hugurwa bakaba barumvise ko abayobozi n'abayoborwa bagomba guhura kenshi ngo imi- limo yabo irusheho kugenda neza. Ntiyabuze kandi no gushimira Inspecteur des Coopérationes kubera ubufatanye nyabwo afitanye n'Ubuyobozi bw'Urubyiruko muli Prefegitura.

Yabwiye Abayobozi b'Urubyiruko ko bagomba gutoza urubyiruko kwerekana ibikorwa byabo maze ibitagenda neza rukabivugira ku mugaragaro kandi rukilinda gusebya abategetsi mu mafifiko igihe bitali ngombwa. Yasoje ijambo lye asaba abayobozi b'urubyiruko ku- menya gufatanya n'abandi bakozi bashinzwe imizamukire y'abaturage mu makomini yabo ku- ko twese dutahiliza umugozi umwe.

Ilyo hugurwa lyarangiye saa sita n'iminota 10 (12 H 10) hakulikiraho kwica akanyota. Lyatwaye kandi amafranga ageze ku bihumbi mirongwitatu na bitandatu n'amafranga magana- bili na mirongwirindwi n'abibili (36.272 Frs)

Umuyobozi w'ilyo hugurwa.

Encadreur Régional de la Jeunesse.

MBARAGA Etienne.



REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE GITARAMA
SERVICE DE LA JEUNESSE .

SESSION DE RECYCLAGE DES REPRESENTANTS D'ASSOCIATIONS . du 5 au 6/02/79

Akeli mu Ihugurwa :

<u>Nom de l'Association</u>	<u>Nom du Représentant</u>	<u>Rôle</u>	<u>Adresse complète</u>
1. LODOJEKA	: 1. MASABO Joseph 2. RWAMAKUBA Innocent	: Président : Gérant	: KAYENZI- Centre de Négoce : KAYENZI- Nyamirembe
2. J.C.R.	: 1. VUNABANDI Valens 2. SIBOMANA J.B.	: Responsable : V/Responsable	: NTONGWE- Rutabo : " "
3. INTIGANDA	: 1. BAGARIRAYOSE Etienne 2. RUTABAYIRU Théoneste	: Président : Trésorier	: MUGINA - Cyeru : " " " "
4. KOTRAMAKI	: 1. NSABIMANA Elie 2. NZALIBARA Jonas	: V/Président : Trésorier	: KIGOMA - Kigoma : KIGOMA - Butare
5. ABADACOGORA	: 1. TWAGIRAYEZU Fulgence 2. NZEYIMANA	: Président : Secrétaire	: MUSHUBATI - Gikomero : " "
6. LOPICYA	: 1. NKULIKIYINKA Théogène 2. NKERABIGWI Védaste	: Président : V/Président	: MURAMA - Cyabakamyi : " "
7. SOMETEKI	: 1. KAMANZI Isafe 2. BIZIMANA Viateur	: Secrétaire : Président	: NYABIKINKWE - Kabuye : " "
8. SOMETEKI	: 1. NGERAGEZE Jean 2. NYIRAHABIMANA Spéciose	: Président : V/Présidente	: KAYENZI - GIHIRA : " "

... / ...

<u>Nom de l'Association</u>	<u>Nom du Représentant</u>	<u>Rôle</u>	<u>Adresse complète</u>
9. COJEMBI	: 1. MUNYANKINDI Alexis 2. GATSINZI J. Claude	: Secrétaire : membre	: TABA - Taba : " "
10. SRAMJA	: 1. MWANIMABO François 2. MBONYINTEGE Edouard	: Président : Trésorier	: " " : " "
11. INGOMBAMIHIGO	: 1. UKOBIZABA Célestin 2. GATARIYIHA Isaïe	: Secrétaire : Président	: TABA - Bugoba : " "
12. AJEMEMA	: 1. NSHOKEYINKA Gaspard 2. UWIMANA P. Célestin	: Président : Secrétaire	: KAYENZI - Marenga : " "
13. COBRITUNYA	: 1. MUNYARUKIKO Boniface 2. GASANA Laurent	: Président : V/Président	: MUKINGI - Nyakabuye : " Kamusenyi
14. SOCOMERU	: 1. GATERA Laurien 2. HAVUGIMANA Ferdinand	: Responsable : V/Responsable	: RUTOBYE - Rutongo : " "
15. COMEBU	: 1. HAKIZIMANA Ephrem 2. NSENGUMUKIZA Joseph	: Secrétaire : V/Président	: BULINGA - Bulinga : " - Musenyi
16. S. A. G. M	: --SERUBYOGE Emmanuel : --KAMANZI Claver	: Président : Secrétaire	: MUSAMBIRA - Nyamiyaga : NYAMABUYE - Munyinya
17. ABASHYIRAHAMWE	: --NTIHINYUZWA Alphonse : --BILIKUNZIRA Martin	: Président : Président	: MURAMA - Cyabakamyi : KAYENZI - Cubi
18. ISHYAKA	: --RUTAJOGA Joël : --SEMPABWA Evergiste	: Président : Président	: MURAMA - Runyengando : RUNDA - Ruyenzi
19. COCOJECU	: --NTAMWEETE : --SEKINEGU Innocent	: Président : V/Président	: MURAMA - Mucubira : MURAMA - Mucubira
20. COMUNYA			
21. S. J. R.			
22. COOPAM			
23. DUTERANINKUNGA			

... / ...

IBYATEGUWE KULI PROGRAMU :

Lundi : Matinée : - Ouverture de la session + Exposé sur l'organisation, la tenue et la dynamique des réunions.

Après-midi:- Exposé sur l'écoulement de la production et l'approvisionnement en matières premières ainsi que la collaboration avec les services techniques et administratifs.

Mardi : -Matinée :- Exposé sur la Gestion financière et matérielle d'une association pré-coopérative.

-Après-midi : - Exposé sur le Règlement Interne + Présentation d'un modèle .

-Clôture et départ le lendemain matin.

UKO INYIGISHO ZATANZWE :

Lundi le 05/02/79 : Matinée

-Inama yafunguwe na Su Prefe MUNYANGEYO Cléophas waje mu mwanya wa Prefe wa Prefegitura utarashoboye kuboneka kubera indi milimo. Ibyo gufungura Inama birangiye ba Encadreri b'urubyiruko bagiye ukwabo n'Abahagaraliye amashyirahamwe bajya ukwabo .

Abahagaraliye Amashyirahamwe y'urubyiruko babanje kubona inyigisho yerekeye Imiyoborere y'Inama yatanzwe na Inspegiteli wa za Koperative. Muzabona iyi nyigisho ku ngereka y'iyi nyandiko - mvugo.

Après-midi : Habayeho inyigisho yerekeye : Uko ishvirahamwe lyacuruza umusaruro walyo n'ukuntu lishobora kubona ibikoresho .

Iyo nyigisho yatanzwe na Inspegiteri wa za Koperative. Inspecoop yabanje kubasobanulira ibyerekeye " approvisionnement sur matières premières " pour les associations pré-coopératives. Umuntu ushaka gushinga association pré-coopérative agomba kwita kuki?

- 1.Kureba niba iyo association ishoboka koko muli ako karere ' kuba hali ibyangombwa bikenewe muli ako karere, byaboneka kandi bikamara igihe kirekire.

- 2.Kugisha inama abategetsi bali hafi (Bourgmestre, Conseillers n'abatekinisiye bali muli Komini).

- 3.Kumenya akarere uko gateye (urugero : umuhanda, amazi, inkwi, abaturatione ...)

- 4.Kumenya ubushobozi bwo kugura muli ako , kureba niba igikorwa gishobora kuba hafi cyangwa niba kigereraniye n'ubushobozi bw'akarere.

... / ...

5. Kureba niba association yuzuza neza programu z'amajyambere ya Komini mu karere ishaka gukoramo.

UMUSARURO WA ZA ASSOCIATIONS TUWUMVA DUTE ?

1. Associations zifite aho zikorera n'icyo zikora kigaragara zigomba kwiyemeza kugwiza umusaruro kugirango zishobore gucuruza cyangwa kuwubazamo ikintu kigaragara.

- a) gusaranganya ibikorwa abanyamulyango
- b) kurwanya ubushomeri mu bihe nta kazi gahali
- c) ibikorwa birazamurana iyo bidahuje (diversité)
- d) kwongera umusaruro bituma haboneka isoko .

ASSOCIATIONS ZUMVIKANA ZITE IYO ZIGOMBA GUHAHIRANA .

-Associations zili mu karere kamwe kandi zihuje ibikorwa zigomba kwishyira hamwe.

-Associations zishyize hamwe zishobora gukemura byoroshye ubulyo bwo gucuruliza hamwe imyaka yabo nogutumiza ibyo badafite kandi bakeneye. Urugero : C.D.R na CAEBU

COPAEGI n'ABARUTA .

-Association pré-coopérative ntigomba kwigunga (gukora programu zo kwumvikanisha associations n'izindi programu z'amajyambere zili muli ako karere.

Habaye ikibazo : -Abagize association bamenyana bate ?

Igisubizo :-Hagomba kubaho ihura ly'abahagaraliye amashyirahamwe

-Buli mezi 3 ba Encadreri batanga raporo .

KOPERATIVE Z'UBUKOLIKOLI .

Koperative z'imyuga n'ubukolikoli :

- gushyira mu gaciro, gutunganya neza umulimo w'imyuga n'ubukolikoli.
- abanyamyuga babizi neza ni bake.
- ibikoresho ni bibi (instruments non perfectionnés)
- ibikoresho bikunda kubura (matière première : imbaho , amabati, sima n'ibindi ...)
- ubulyo bwo kubicuruza (écoulement) .

Icyitonderwa :-Koperative zigomba gukora zikulikije ubushobozi bwo gukora no guhaha by'akarere zilimo.

-Abantu b'abanyamyuga muli Komini bagomba kwishyira hamwe (Komini, Paroisse, amaduka) kugirango babone uko berekanira hamwe ibintu byabo (exposition) .

.../...

- Abanyamyuga bagomba kwihatira gukora ibintu bilyoheye amaso kandi bizamara igihe kirekire, kandi bikagenda vuba.
- Bagomba gukora propagande nziza y'ibintu bakora (qualité, forme et présentation) .

- IBIKORESHO :

- Gushaka Encadreri w'urubyiruko muli Komini akabasha gukora projets bashakira ibikoreshe.
- Gusobanura neza niba ari imfashanyo association ishaka cyangwa niba ari ubuguzi.
- Kugaragaza neza ingero, umubare ,ubwoko bw'ibyo bashakira .
- Kuvuga ibyo abagize ishyirahamwe bigerereyeho ubwabo mu gihe basaba imfashanyo.

Inspegiteli yaboneyeho kubamenyesha ko ku itariki ya 14/02/79, hagiye abazungu bashinzwe ibyerekeye kuyobora abanyamuryango bakora ibyo ubukolikiye, aho bagushyiriza ibintu byabo mu mahanga, bazanyura i Gitarama, abwira abahagaraliye amashyirahamwe kuzabigeza ku bandi, bakazaza kwerekana no kugushyiriza ibyo bakozwe.

Inspegiteli yakubikijeho kuvuga ibyerekeye :

O.N.G. = Organisation non gouvernementale na

O.G. = Organisation gouvernementale

Bareheye hamwe uburyo associations zakorana n'imishyamba yigenga ibiri muli Komini.

Ingero :Paroisse, Coopératives agréées, O.B.M,TRAFIPRO, C.E.R; Banque Populaire

- Gukorana n'indi mishyamba bifite inyungu ebyiri :
- Kubona inama z'impuguke ku buryo bworoshye,
- Kubona imfashanyo iyo abayobozwe b'Associations bazi amayeli yo kwumvikanisha ibyabo neza.
- Kubona uburyo bwo guhugura abanyamuryango (gusura imishyamba ikorwa, kuba umurwanashyamba mu gikorwa runaka kigomba kwinjira iwanyu.

... / ...

Umuntu yagenza ate kugirango abone imfashanyo muli O.G. na O.G. :

- kwumvikana na technicien du projet
- gukora projet yanditse inyujijwe kuli Enadreri w'urubyiruko cyangwa kuli Bourgmestre isobanura neza icyo ishyirahamwe lyifuza.
- gufata iya mbere mu gihe cyo kurangiza imishinga

O.N.G. igizwe n'imishinga itali iya Leta . Ingero : CARIRAS, Paroisse, B.E.D, Padri Mukuru..

Ubulyo bwo gusaba imfashanyo muli O.N.G.

- Kumenyana bihagije n'abakuru b'imishinga
- Gutumira abo bakuru ukabereka hao mugejeje igikorwa musabira imfashanyo
- Gutanga projet ifatitse kandi idahanitse
- Gutanga raporo y'imilimo yakozwe niba uramutse ubonye imfashanyo.

Remarque : - Abasaba imfashanyo ku giti cyabo aliko bitwaje association hanyuma imfashanyo yaza, bakazayiligisa, abanyamulyango ntibamenye aho yaligitiye, bakwiliye kwisubiraho.

-Umuntu umwe ntakwiliye kwihahira imilimo yose muli association (bene nkuwo akwiliye gukekwa amababa kuko aliwe usinye byose, ibyo yishe akabyica ,ibyo akijije ni uko) ,imilimo ikwiliye gusaranganywa abanyamulyango. Umuntu agakora akazi kamwe ashinzwe .

UKO IMILIMO YUZUZANYA . (Complémentarité des Services)

- Association igomba kwisunga Koperative nini ili mu karere,
- Kwumvikana n'abakuru b'iyi Koperative kugirango biborohereze inzira zo kugura imyaka,
- Gusaba iyi Koperative, kugerekerwa ibicuruzwa,
- Kumvikana neza n'abacuruzi.

Nyuma ya exposé habaye ikibazo :

- Q. Za associations zilimo abasore n'inkumi, zigira ingorane iyo abakobwa bashyingiwe , basaba guhabwa imigabane yabo,ibyo bigahungabanya imali y'ishyirahamwe.
- R.-Ibyo biteganywa mu itegeko ly'umwihaliko association igenderaho.
- Inama y'Ubutegetsu yiga ubulyo usezeye asubizwa imigabane ye kandi ntibihungabanye imali y'ishyirahamwe.
 - Ishyiraho igihe imigabane isubilizwa .

... / ...

Mardi le 06/06/79 : Matinée :

Hatanzwe inyigisho yerekeye IBIKORESHO N'AMAFRANGA.

Inspegiteli wa za Koperative niwe watanze iyo nyigisho. Yatangiye abwira abali aho, ko avuga ibyo abona yibereye mu mug, ko nabo bafite uburenganzira bwo kuvuga ibibabangamiye babona iwabo, ibyo bifuza kugeraho. Amaze kwibutsa isomo lyizwe ku wa mbere, yahise atanga isomo ly'umunsi.

IGITABO CY'IMALI :

-Handikwamo ibyinjira n'ibisohoka muli association (recettes et dépenses) icyo gitabo gishobora kuba ikayi.

-Ibyinjira n'ibisohoka byandikwa ukwabyo buli kwezi.

IGITABO CY'IMALI . (présentation)

Ukwezi :

Poste Inkomoko	Date	Nature de l'opération Icyo wakoze	Amafranga	Ayinjiye:	Asohotse:
N°6.Uruskyo	: 6/02/79	:Guskyu 30 kg amasaka kwa Gasimba Méd.	:30x2F=60 F	: 60F	: -
N°1.Ubuhinzi	: 8/02/79	:Kugura ibira- ibilo 40 ^{vi} kwa Assumani	:40x10=400F	: -	: 400F
N°3.Boutique	: 12/02/79	:Kurangura ku- reba détail muli cahier n°3	: 1.500F	: -	: 1.500F
				: 60F	: 1.900F
					<u>1.840F</u>

-Signature ya Trésorier cyangwa iya Prezida ishyirwaho babanje gusuzuma neza niba ibintu byose byanditse.

-Gukora report = kwandukura ibigaragara mu isoza ly'inyandiko z'ukwezi gushize, mbere yo gutangira inyandiko z'ukwezi gutaha.

Report : 1.840F

Ukwezi gukulikiyeho :

... / ...

FICHE DE STOCK .

- Fiche de stock imenyeshya buli gihe, agaciro mu bintu no mu mafranga association itunze.
- Yerekana : italiki, ubwoko, umubare, by'ibintu biguzwe;
- Igiciro cya buli kintu n'igiciro rusange.
- Ahantu ibintu byaguzwe n'italiki byaguliweho.

Fiche N° 3

Ubwoko	:	Umubare	:	Igiciro cya buli kintu	:	Igiciro rusange
1.Amasuka	:	30	:	210 F	:	210x30 = 6.300 F
2.Imisumali	:	30 kg	:	30 F	:	30x30 = 900 F
3.....						
4.....						

Ikitonderwa :-Ibyanditse kuli fiche de stock : italiki, n° ya fiche, ubwoko bw'ibintu, igiciro rusange .

INVENTERI :

Icyitonderwa : -Inventeri ntishobora gutangana igihe hataliho Fiche de stock.
 -Igomba kugaragaza ibi bikulikira : italiki ikoreweho, umubare w'ibintu bili muli stock (ibyaguzwe-ibisigaye), igiciro cy'ikiranguzo cy'ibili kuli fiche de stock, igiciro cya buli kintu mu icuruzwa n'ikiguzi mperuka nyuma y'icuruza.

Kinazi, le 25/02/79

Ibintu bili muli stock	:	Igiciro	:	P.V.	:	Total	:	Observation
Ibyaguzwe	:	Ibisigaye	:	cy'ibyaguzwe	:		:	ibytonderwa
1.Amasuka 25	:	5	:	6.300 F	:	250 F: 6.250 F	:	muli 59.550
2.Imisumali 30	:	20 kg	:	2.500 F	:	60 F: 1.800 F	:	10.000 imyenda muli 33.450
3.Madriers 2 M	:	1 m ²	:	24.000 F	:	10.000 F:20.000 F	:	3.000 bibarwa mu bishobora kutagurwa
4.Planches 3 m ²	:	2 m	:	50.000 F	:	10.500 F:31.500 F	:	Inyungu nyayo = 10.100 -
				82.800 F	:	:93.000 F	:	3.000 = 8.100

... / ...

amasuka

IBITARAGURWA :

amasuka 5 = 250x 5 = 1.250
IMISUMALI 20 =20x60 = 1.200
madriers 1m =1mx10.000=10.000
planches 2m =2mx10.500=21.000

Total = 33.450 F

Igiciro cy'ibyanguzwe byose = 82.800 F
Igiciro cy'ibyangulishijwe = 93.000 F
Igiciro cy'ibitaraguzwe = 3.000 F
Inyungu yagombye kuba : 93.000 - 82.000 = 10.100 F
INYUNGU NYAYO = 93.000 - 82.000 - 3.000 = 8.100 FRs

FICHE D'INVENTAIRE .

INVENTERI Y'IBIKORESHO :

-Trésorier rukuko ashinzwe kwandika amafuranga niko agomba no kugira ikaye yandikwamo ibikoresho. Contrôle y'ibyo bikoresho igomba gukorwa buli gihe (hali ibyibwa, ibigulishwa)
-Iyo kaye yandikwamo ibikoresho igomba kumenyesha : umubare, ubwoko, italiki byaguzweho, ikiguzi cya buli kintu , ikiguzi rusange, aho ibikoresho bikora, ibyitonderwa .

Umubare	: Ubwoko	: italiki	: ikiguzi	: ikiguzi	: aho gikora	: Icyitonderwa
				rusange		Observation
30	: Scies St.Joseph	: 6/02/79	: 1.500	: 45.000	: Gusatura imbaho Gahogo	:
50	: Grands marteaux	: 6/02/79	: 500	: 2.500	: 25 CRAFIG	: 6 zabuze
					25 CERAR	:
100	: Hones Cyapa	: 6/02/79	: 200	: 2.000	: 40 igishanga	: 5 yaracitse
	Ngona				40 abakobwa	
					20 abitse	

... / ...

Icyitonderwa : (Remarque)

- Ibintu bishobora kubura (byibwe) muli association, trésorier cyangwa undi, agomba kubimenyesha, bigakorerwa inyandiko-mvugo cyangwa imisozo yayo bikandikwa mu gitabo kibigenewe bigasinyirwa na Prezida na Trezoriye.
- Ibyangilitse nabyo niko bigenda, bikorerwa inyandiko-mvugo.

IBIMENYETSO BYO GUHEREREKANYA AMAFRANGA .

(Epreuves de payement) .

FACTURE : Ni urupapuro abaguzi bombi buzuzwa rugahabwa uguze.

- Facture imenyesha ku bulyo burambuye, ibyo abaguliranye bishyurana.
- Iberaho gufasha bombi ibarura ly'umulimo wabo(comptabilité) .
- Imenyesha ibyo umuguzi n'umucuruzi bahanye.
- Facture igaragaza ibi bikulikira : ibyanditse kubihambiliye ibicuruzwa, gusobanura ibitanzwe, igiciro cya buli kintu, igiciro rusange, ikigabanutseho (réduction), igisigaye kuli facture = ibyishyurwa, ubulyo bwo kwishyura , signatures z'abaguze.

Adresse

Italiki

Publicité

N°

Ibyanditse inyuma	marchandises	Prix unitaire	Prix global	Réduction	Icyi - shyurwa	Ubulyo bwo kwi shyura
						Cash
						Comptant
						Après 3 mois .

Sé/

Vendeur

Acheteur .

Mardi après-midi :

Habaye Exposé sur le Règlement Interne yatanzwe na Inspegiteli wa za Koperative. Muzabona ibiyilimo ku ngereka y'iyi nyandiko-mvugo.

Inspecoop amaze gusoma no gusobanura ingingo zose zigize Règlement Interne yashimiye Abahagaraliye amashyirahamwe kuba baraje ali benshi kandi bafite ubushake bwo kwihugura, abashimira kuba balitanzwe bagahara imilimo yabo maze bakaza. Yabashimiye ko bumviye ntibababura baje, ko bakulikuye inyigisho, bagasubiza igihe babajijwe kandi bakabaza igihe badasobanukiwe.

... / ...

Inspecoop yashimishijwe no kuba yarasanze abakulikiraga ibyigisho, bose ali abantu bakangutse, nta bigwali bilimo. Yakomeje avuga ko Yizeye ko inama bagiye umunsi wa mbere yerekeye uko umuntu ayobora abandi akwiye kugira personnalité = ukwihagararaho, kugirango yumvikanishe neza ibyo avuga kandi abicengeze mu bo abwira, izakulikizwa. Yavuze kandi ko azishimira kuzahura na kanaka waje mu ihugura, igihe azajya gusura za Associations. Yaboneyeho kubaha umwanya wo kubaza ibyo batasobanukiwe neza.

Q.Muli za Associations mixtes, abakobwa bashyingirwa bagasiga umu-saruro utaraboneka. Ubwo bahabwa umugabane wabo cyangwa bagenda ubusa? -abantu baba mu mulyango kandi bafite akandi kazi batigengaho, iyo bimuliwe ahandi bigenda bite, iyo ugiye yifuza gukomeza kuba mumu-lyango? Yazajya awukorera ate, ali kure ?

R.Mu Itegeko ly'umwihaliko hateganywa ibyo umunyamulyango ahabwa iyo avuyemo, niba yali umuntu ushimwa kandi yarakoreye umulyango igihe kirekire, inama y'Ubutegetsi iteganya ibyo azahabwa, niba hali igihombo kigabanywaho, ndetse inyungu zaba zishobotse akagerekerwaho n'ishimwe.

-Uwimuwe ntava mu mulyango, atumirwa mu nama, yaba atabonetse agatanga impamvu.

-Ushatse kwiviramo asubizwa ibye, ahabwa inyungu ndetse n'ishimwe iyo ali ngombwa? Ibyo bikorwa igihe cyose iyo nta gihombo cyangwa bitahungabanya imali y'Umulyango.

-Iyo ugiye afite umusimbura asiga amwerekanye.

-Iyo hali uteye imvururu, agashaka ibye huti huti, ni ukumwihorera akazasubizwa ibye buhoro buhoro kandi nta nyungu ahabwa.

-Ni bibi gushyira abantu b'abategetsi hejuru mu milimo yanyu kandi alimwe mukora. Bene nkabo; babera mu mulyango kuwutera inkunga.

Perezida w'Umulyango agomba kuba umunyamwuga. Uwo iyo agiye, ntava mu mulyango asimburwa n'undi. Agatumirwa mu Nama Rusange.

Iyo uvuyemo agiye nta nabi, ashaka ibye, mwakwumvikana akajya yishyurwa buhoro.

Q.Nta kuntu za Associations pré-coopératives nazo zajya zigulizwa kugirango zishobore kuzamuka.

R.Za Associations pré-coopératives ntizifite ubuzima - gatozi.

Kandi baguliza mu mishinga izazana igikorwa kigaragara kandi cyunguka. Nta bushobozi n'ubwishingire za Association zifite.

-Igihe Association ifite igikorwa cyazamurira Komini, icyo gihe umushinga uba wemewe na Burgmestri, bakagulizwa na F.D.C. (Fonds de Développement Communal).

-Kwisunga O.N.G. kuko yashobora gutanga amafranga yo kuzamurira projet yawe; kwiye gereza umuntu washobora kuguha imfashanyo.

Q. Uwikomatanyilizaho imilimo yose, kubera yuko aliwe ubishoboye cyangwa se utuye hafi, cyangwa se nta wundi ubonetse muli uwo mwanya hali icyo bitwaye ?

R. Igihe hataraboneka abandi bakora iyo milimo yindi, ndabona ntacyo bitwaye, igihe contrôle ibaye bagasanga byose bitunganye.

Q. Ubwo se nti munyuranyije n'ibyo mwatubwiye ko ntawe ugomba kwiha-lira imilimo mu mulyango ?

R. Ibyavugiwe hano bishobora gukulikizwa nibura à 80% ; aliko bidakuli-jwe, sinilingira ko association yagenda neza. Hali ingero nyisnhi ze-rekana ububi bwo kwikubira imilimo yose muli association kandi hali abandi babishoboye. Ibyo ntibyababuza gukulikizainama zishoboka iwanyu kandi zifite akamaro.

Q. Ibyerekeye igikorwa gitangiye muli Komini, muli secteur nk'urugero, ali nk'ubuhinzi. Conseiller yabona igishanga cyali kiberanye n'ubuhinzi aliko kizamutwalira umulima cyangwa uwa bene wabo, kubera ko yumwikana na Burgmestri, akabuza association guhinga kandi ntibone aho imurega ; ahubwo ndetse n'Agronome bakamutungira agatoki bamaze kubona ko association yahinze naze Agronome akaza agatera mo imbuto. Ubwo association ikaba ibuze aho ihinga . Ibyo mwabiduhaho inama ki ?

R. Ibishanga byose Agronome arabizi. Kubanza kubaza Agronome mbere yo guhinga igishanga, ukamenya niba ali igishanga cya Leta cyangwa icyo umuturage. Gutangira guhinga utarasabye uruhusa Burgmestri, ni ukwigerazaho. Nta kwigabiza ibintu, ibyiza ni ukwumvikana n'abategetsi babishinzwe muli Komini.

Q. Abashaka kwisunga Koperative babitse amafanga kuva kera, noneho hafi y'iyubaka ly'inzu, hakaza umuntu agatanga nawe amafanga, ubwo azabali-rwa inyungu ate , igihe cyo gutangira ubucuruzi ?

R. Batangiye gucuruza, umuntu ntabone amafanga yo kwongera gutanga, bazacuruza ayo yali asanganywe, inyungu yazamo ikazakora la nouvelle part sociale.

Q. Ni ukubera iki, basoresha za association zifite Boutique zicurulizamo kandi bagasoresha ibintu bimwe ibindi ntibabisoreshe ?

R. Za Koperative zifite ubuzima-gatozi ntizisoreshwa, ibo kumara imyaka itanu gusa.

-Niyo za associations zitasoreshwa, ni imbabazi Burgmestri aba azigiliye.

-Nta tegeko liliho livuga yuko association zidasoreshwa .

UMWANZURO :

Encadreri Régional Militant MBARAGA Etienne niwe wavuze ijamba lyo gusoza ihugura. Yagize ati: tumaze iminsi twihugura, none ihugura lirangiye mugiyeye gusubira iwanyu; yakomeje avuga ko batumiye abantu 2 muli buli association kugirango ikizacika umwe undi azakimwibutse. Ati twizeye rero ko mutazanywe no kwirebera ibyo mu mugumutabona, ahubwo muzataha mugakoresha ibyo mwize, mugasobanulira abasigaye ibyo mwungutse.

Yakomeje ababwira ko nibagira ingorane bazajya babibamenyesha aliko binyuze mu nzego uko zikulikirana, bitabanjiliye gusa mu nzego zo hejuru. Mu magambo make yavuze ko atarangiza atumvise ibitekerezo byabo ku ihugurwa barangije; ibyagenze neza cyangwa ibyagenze nabi.

ABAHAGARALIYA⁶ AMASHYIRAHAMWE bavuze ibi bikulikira :

-Basanze igihe ali gito kubera kwishimira inyigisho bahawe. Bifuza ko bazongera gutumirwa. Bavuga ko bazataha bagakosora byinshi.

-Basabye ko abakuru bazajya babaza ba Enkadreri bo muli Komini ibyifuzo babagejejeho kugirango bamenye ingorane zabo. Basabye ko babafasha ku byerekeye imisoro.

.Encadreri Régional yababwiye ko babinyuza kuli Encadreri akabishyikiliza Bourgmestre. Ibyananiye Encadreri bakabimugezaho.

-Ba Représentants bavuze nyukko kwiga ali uguhora wiyibutsa kugirango utibagirwa, ko bishobotse nibura ihugurwa lyaba kabili mu mwaka.


-Basabye kandi ko abakuru bajya bagenderera za Associations kenshi kugirango barebe ko ibyo bahuguwemo babikoresheje.

.Encadreri Régional yababwiye ko guhugurwa kabili mu mwaka ari byiza rwose, aliko bitashoboka kubera ko kubakira biruhije, amazu ntayo, ni ukugomba gutira. Ikindi kandi, association ni nyinshi, ubutaha hazaza abandi.

Encadreri Régional yarangiye abashimira ubwitonzi na discipline bagize, abifuliza no gusubira iwabo amahoro.


Umuyobozi w'ihugura :

MBARAGA Etienne .



Umwanditsi :

MUSABWASONI Thérèse .



IKIGANIRO CYO KUWA 8 GASHYANTARE 1979 CYATEGURIWE
BA ENCADREURS B'URUBYIRUKO MULI KOMINI ZA PREFEGI-
TURA YA GITARAMA.

I. KOMINI NI IKI ?

Bamwe bayita agace ka Prefegitura kagizwe na za segiteri, kagategekwa na bourgmestre ufite abamufasha mu nzego zose z'imilimo ashinzwe. Nibyo. Mu yandi magambo Komini ni abaturage bose batuye ako gace, bagamiye kugera ku majyambere yabo bayobowe n'umutegetsu ushinze kubahuza n'izindi nzego z'ubutegetsu, bagafashwa n'impuguke leta cyangwa Komini ibategulira.

Urugero: Iyo uvuze ko ari ngombwa guharanira amajyambere ya Komini, uba uvugamajyambere y'abayituye. Si ubutaka, si amazu n'ibindi biyilimo.

Igihe cyose ugize ikintu wungura Komini, haba mu buhinzi, mu bworozi, mu bucukuzi, mu bucukuzi, mu bwubatsi, mu burezi, mu mihanda, n'ibindi; uba wungura imibereho myiza y'abaturage. Nicyo gituma ibyo wakora byose muli Komini, uwo uliwe wese, igihe utabibonamo abantu ugomba guteza imbere waba utazi icyo ukora, kandi wananirwa bidatinze, cyangwa se ukayoba wihumiyeho cyangwa se wahumiye ku zindi nyungu zidafite agaciro ka muntu, cyane cyane utishoboye, utibonera, kandi kuba waragize amahirwe yo gushobora ibintu ibi n'ibi ari umwenda wahawe ugomba kwishyura, ari ubutumwa wahawe ukaba ugomba gutumika wanga ukazabizira kera cyangwa se vuba.

Ibyo bikavugako buho wese akulikije ubushobozi afite agomba guhagurukira amajyambere (imibereho myiza) y'abaturage, cyane cyane abafite ababitaho ku bulyo buhagije nk'urubyiruko rwabuze amashuri, ndetse limwe na limwe rukabura n'uburebure bw'ababyeyi. Nta mahoro, nta byishimo by'umukire ukijijwe n'abatindi.

II. UKO KOMINI ITEYE KU BYEREKEYE UBUTEGUTSI.

Iyoborwa na Bourgmestre umwe, nawe ufite abafasha ari bo bajyanama.

Kuko gutegeka bigera kuli ya mibereho myiza y'abaturage, ibyo bikagerwaho ari uko abantu bakoze imilimo ku bulyo bwa kiyambere, uwo mulimo w'ingirakamaro Bourgmestre awufashwamo n'impuguke, mu gushakashaka ibyagira akamaro (Inama y'Impuguke), ari mukurangiza ibyizwe byemewe (Impuguke).

Kubera ko Bourgmestre ashinzwe amahoro ya Komini ntafite abajyanama gusa, hali n'abapolisi ba Komini. Komini igabanijemo za segiteri, buho segiteri nayo ikagira umujyanama. Nyamara si ubukonde bwe kuko ibiyikorwamo byose bibazwa Bourgmestre byaba byiza akabishimirwa, byaba bibi akabigayirwa cyangwa se akabihaniirwa. Niyo mpamvu abari muli Komini bese bafite icyo bashoboye bagomba kwiyumvamo abafasha ba Bourgmestre mu byerekeye amajyambere y'abaturage, ntihabekwimeka no kuyobya rubanda rudafite amahirwe yo kwirebana kure, ari nabo kenshi usanga muli rwa rubyiruko rugenda ruhinduka bene Komini.

...../.....

III. INZIRA YAGEZA ABATURAGE KU MAJYAMBERE VUBA.

1. Ubujiyuke.
2. Ubutaka buhagije kandi bumaze neza (riche sol et sous-sol)
3. Kumenya ibibuze n'ibiliho, ibirushya.
4. Guhuliza hamwe imishinga n'imilimo no kureba kure.
5. Kutigunga.
6. Kugira bakozi bahagije, bashoboye kandi bashobotse.

1. UBUJIYUKE.

Amashuri ni ingenzi aliko ntabwo bahagije kuko n'abatayabonye bagomba kujijuka, ku rwego rwabo. Niyo mpamvu za Centres Sociaux de Développement, Centres de Formation de la Jeunesse, Centres Communaux de Développement et de Formation Permanente, Centres Nutritionnels, inama z'abaturage zigizwe n'abategetsi cyangwa se impuguke ari ngombwa nazo kugira ngo zihumure kandi zongerere abaturage ubumenyi. Iyo ngingo yo kujijura abaturage ni iya Leta, Komini, n'abandi baba bashoboye, bumva ko bafite umwebda wa bagenzi babo cyane cyane urubyiruko, ari mu nzira z'amashuri, amato (abanza n'ay'ingoboka) ari mu yisumbuye, ari mu makuru, ari se muri za Centres de Formation kuli bamwe batagize amahirweyo kwiga, nyamara bakeneye gukora kiyambere no ku bulyo bugenda burusha ubusanzwe kuba bwiza.

2. UBUTAKA BUHAGIJE.

Ikibazo kirakomeye kuko ntawakirenga atavuze ubwinshi bw'urubyaro rukomeza kwiyongera kandi ntirushobore kwiga kubera imyanya mike (mu yandi magambo ubukene bw'igihugu) Ni ngombwa rwose kwiyumvisha icyago kidutegereje cyo kubura aho duhinga ndetse dutura mu myaka itari kure. Nyamara kugeza ubu, turacyadindizwa n'ubujiji bwo kutabyaza ubutaka buto umusaruro mwinshi duhinga kandi tworora kiyambere. Ni ngombwa rwose kurwana ku butaka ntihagire n'agatego kabwo kaducika. Ni ngombwa rwose kwita ku bworozi kugira ngo tubone ibyiza byinshi muri by'amatungo, aliko cyane cyane ifumbire.

Ni ngombwa rwose ko haba ubuhinzi bwo kudutunga (agriculture substantielle) bwo gucuruza (agriculture commerciale) n'uw'inganda (agriculture industrielle) kugeza ubu nta nabwo buratungana, kandi urubyiruko nirwo rubwirwa kurusha abandi rwo rufite igihe kirekire cyo kuba muri iyi si igenda ihindagurika ku bulyo ubukene bwiyongera bitewe n'ibintu bitakenerwaga hambere kuko bitari byari. Ubu urubyiruko rutiga cyane cyane, rubona byinshi by'igihe tugezemo rukabirakira rudashoboye kubibona ku bulyo bwiza, alicyo kimwe mu bikurura ububandi.

3. KUMENYA IBIBUZE, IBILIHO, IBIRUSHYA.

Ubujihi alibwo mwanzi mukuru w'amajyambere butuma umuntu atamenya ko akenye, atamenya icyo agomba kugeraho kirenze icyo yasanze, ntamenye n'ibintu bimukikije yashobora gukoresha ngo aje mbere. "UMUPFU NTIYINUKIRA", UTAZI UBWENGE ASHIMA UBWE" Ubujihi bubyara ubukene.

Igihe uzaba utabona icyo ubuze, nta mugambi, nta programu, nta mwete uzagira. Imbaraga zawo zazagupfira ubusa (MABOKO APFANYA IYABU) Urugero: Kera ba sogo-kuru babaga mu byatsi bagenda hejuru y'ibumba kandi bafite ubutaka bwera ibiti bafite n'amaboko.

Nta mushinga wo kubaka inzu ikomeye bagiraga.... Uzasanga umuntu uhinga isambu ya ha I akayimara ntabonemo ibimutungac nk'umwaka muli ya sambu. Uzabona uworora inka 50, atabona litiro 10 z'amata kandi inka imwe ubundi izigezaho, n'imvune ali nkeya, ifumbire ali nyinshi.

Umuntu agomba kumenya ko nta byizana, utayihinganye ntayishira, ahakomeye hava amakoma. Ibyo byose ntawubigeraho atajijutse. Dose bakoze amajyambere akagerwaho vuba, n'umukene yabona aho ahaha, aho kuba nka bya bindi ngo " UTICANIYE NTARAHU-LIRA UNDI "

4. GUHULIZA HAMWE IMISHINGA N'IMILIMO NO KUREBA KURE.

"Nubundi ngo ntawukira asongwa, umugabo umwe agerwa kuli nyina, umwe anyaga imwe akayibara ayishohoje, nta bigwira bipfa "

Igihe uzakora uli umwe aluko usobanukiwe kandi ntalya wenyine, ntuzajya imbere. Ubukene ni umwanzi ubyarwa n'ubunabwira buturuka ku bujijye. Urwanya umwanzi ntajenjeka, iyo ajenjetse aratsindwa. Umurwanya amutega imitego akamutabaliza, bitagenze bityo aratsindwa. Umurundi yaravuze ati: "Akatakuretse ntukareka "

Umwanzu urenze kulya nabi, kuba habi, kwambara nabi, ni uwuhe ?

Kubura ibitaro n'amavuliro, kubura ibikoresho nkenerwa, ni uwuhe ?

Amajyambere arahugurukirwa, buli muntu agakora icyo ashoboye akulikiza inama z'impuguke, n'amatwara ya politiki n'ubutegetsi bwayo.

5. KUTIGUNGA.

"Ubwenge burarahurwa , akatagurutse ntikamenya iyo bweze, uyambaliza kw'ishyiga ikagusiga ivu " Umutegetsi wa Komini agomba guhuza imilimo ya Komini , ingufu zigateramira ku mushinga wizwe neza ufitiye abaturage akamaro. Ibyo aliko ntibihagije, agomba no gushaka inshuti za Komini, abahafi mbere na mbere, nyuma abakure. Agomba kumenya aho abandi bageze, akagira icyo ahungukira cyazamurira abaturage ashinzwe aho mu bujijye, aho mu mutungu. Agomba kujyana n'inzego zo hejuru z'ubutegetsi, ntibihunze cyangwa se ngo atoteze abo yarakomeye nk'impuguke. Imihanda ihuza Komini n'izindi igomba kuba ihagije kandi itunganye.

6. ABAKOZI BAHAGIJE, BASHOBOTSE KANDI BASHUBOYE;

Ibi biragaruka ku bujijuke nubwo kwiga atali kwicara ku ntebe yo mw'ishuli byonyine, ni ingenzi. Abakozi tuvuga bagomba kuba balize mu mashuli. Kugeza ubu abafite ubushobozi baracyali bake, no mu gihugu cyose nkanswe muli Komini. Gusa ntawakwiheba kuko buli mwaka bigenda bitunganaho gato. Uretse ko amashuli adahagiye, hagomba mbere na mbere umutima wo gukunda igihugu aliko kuvuga abagituye cyane cyane abazaba bagituye mu minsi izaza, alirwo rubyiruko ruduhangayitse twese, cyangwa se rugomba kuduhangayikisha.

UMWANZURO.

Ubwo Komini ari ishingiro ry'amajyambere, twese duhagurukire kurwanya ubujiji, ubukene, umwiryane, twumvira abategetsu n'impuguke.

Gitarama, kuwa 5 Gashyantare 1979

Le 5/Préfet de Préfecture

KAGABO J.B.

INYIGISHO YEREKEYE IMIYOBORERE Y'INAMA.

INTANGILIRO.

Kugira ngo dushobore gukora neza akazi ko kugeza ku baturage amajyambere nyayo, ni ngombwa ko twamenya inyigisho zituma turushaho gusobanukirwa uko inama zikorwa, abazikoresha n'aho bahulira.

Inama ni iki ? ni ihuliro ly'abantu bazanywe no kumva icyo abandi bababwira, byaba iby'amategako cyangwa se ikiganiro kigamije kujijura no kungurana ibitekerezo, nuko bajya impaka ku bulyo bumva, bategetswe cyangwase bivumbuliye ubwabo. Inama rero ifite kugera ku kintu cyiza cyangwa se kibi bitewe n'abayijemo niba bafite imico myiza cyangwa mibi.

IMYIFATIRE N'IMIKORERE Y'UMUYOBOZI W'INAMA.

Kuyobora inama ni ubuhanga. Ubwo buhanga butuma buli muntu wese amenya ko afite icyo yungura bagenzi be bali kumwe mu gushakira hamwe kugira icyo bageraho. Kugira ngo rero nyili ukuyobora inama atunganye umulimo we neza, agomba kumenya gukwirakwiza no kumenyeshya abandi ibyo azi kandi ku bulyo bumwe.

Umuyobozi w'inama agomba kuba:

- afite ubuhanga buhagije mubyo agiye kuvuga.
- ali umunyamatwara(imico n'ubutwali arusha abandi)
- afite programu ashaka ko yagerwaho kandi igakulikizwa.
- atuma impaka zigibwa mu bulyo bwiza.
- agaha ijambo ulisabye.
- ntagomba kuvuga wenyine.
- afite umushyikirano.

Abakoresha inama bali kwinshi.

Hali umuyobozi w'inama witwara bya gitware, agatega ibigomba kuvugwa n'ubulyo biza kuvugwa. Kugira ngo akoreshe ubwo bulyo agomba kuba yize igihe kirekire umushinga baza kuyaho impaka noneho akaza kuvuga umwanzuro uwo ari wo. Mu nama nk'iyi usanga havugaga umuyobozi avugana n'umwe mu bali mu nama aliko abandi batavugana ubwabo. Yanga cyangwa se ye yemera icyo umwe avuze akulikije ko asanze gihuje n'icyo yatekereje ubwe.

Hali umuyobozi w'inama uza yiyemeje ko ibyo yatekereje biba ari byo bivugwa gusa aliko akareka abandi aho bakabivugaho uko babyumva. Ibyo bituma atihahira ijambo kenshi agatuma n'abandi bajya impaka ubwabo, bavugaga icyo bateketeza aliko hali ubwo bene izo nama zitinda ugasanga abantu bata igihe ku tuntu tw'ubusa.

Hali nuyobora inama asa nutabyitayeho, ntabwo azi icyo inama ishaka kugeraho, ntiyerekane nuko impaka zigomba kugibwa.

Hakaba nundi muyobozi utavugaga ko icyo bagomba kugeraho ari iki byanze bikunze aliko akamenya kuyobora inama ku bulyo bwumvikana kandi abandi aho bese bakumvikana, akaba aliwe uha ijambo ulisabye, ntihagire akajagali mu mpaka, agatuma abahali bahererekanya ibitekerezo, akaba yasobanura ikimaze kuvugwa kiramutse kitumvikanye, akibutsa ibitekerezo by'ingenzi byavuzwe. Uwo rero niwe muyobozi mwiza.

...../.....

- I. Ubazaquza: iyo abaza ibibazo bishobora kubonerwa umuti biruhije, ni ukubishyira hagati mu nama bakabisubiliza hamwe. kuko haliho igihe abaza kugira ngo yumve icyo animateri atekereza, yilinda gusubiza ibibazo bye; niba ashako abogamira ku ruhande rwe yilinda kugira aho abogamira haba ahe cya-
ngwa ahandi.
2. Gasura ntambara: akunda gukoza abandi isoni no kwiruba igihe cyose. Ni ukumwareka ko ntacyo bikubwiye, mukamuta wenyine, ukamwumvisha ko mwazanywe no kwiga ibibazo rusange atali iby'umuntu ku giti cye.
3. Kanyamahane: akunda impaka, akangira ikintu kucyanga, akaburana urudaca. Ashaka ikintu cyaba uyiza mu byo yavuze, ubundi ukamuhata ibibazo ukamureka agakomeza amateshwa ye abandi bakamumwaza. Iyo avuye ibimwerekeyeho, umubwira ko mulibubye mwihereye.
4. Mutalitilimukaho: ntiyita kubye abandi bavuze kuko abazi ko ntacyo bamwungura. Nukumubwira ko icyo kibazo muza kukigarukaho mwenyine aliko igihe umwanya utaraboneka akaba yemeye igitekerezo cya bagenzi be.
5. Nyirandabizi: ashaka ko bese bemera icyo avuze; ashobora kuba azi byinshi byerekeye ibyo biga cyanga se ali indondogozi gusa. Icyo gihe umuhata ibibazo adashobora gusubiza, agafasha abali aho kudakangwa nibyo avuye, ukababaza icyo babitekerezaho.
6. Ikiragi ku bushake: ntacyo yitaho, asanga byose abirenze cyangwa se bimurenze; ni ukumukanguza ikibazo cyerekeye ku kintu azi.
7. Mutahatangwa: ahora yiteguye gufasha abandi, azi ko abishoboye kandi akabyiyemeza. Nukumugoboka cyane mu mpaka, ukamuha umwanya wo kugira icyo yongeraho, ukamuha ijamba kenshi kandi ukamushimisha.
8. Indondogozi: ntacyo itavuye n'ibitagira ihuriro n'ibigomba kuvugwa (kwigwa), nukumubuza gukomeza, yakwanga ukamwereka ko igihe kigiye uti: Bwana ntutujyana kubyo tutaramutse ?
9. Igishagasha (utinye): aba afite ibitekerezo aliko ntibimworohere kubigaragaza. Nukumufasha, ukamubaza utubazo tworoshye ugatuma yizera kandi ukumvisha abalaho nawe akumviraho ko ibyo avuze ari byiza.
10. Nyilibitekerezo bike atavanaho: arakara vuba, ibyo yavuze nibyo ahoraho, ni ukumugusha neza, ukamwumva kandi ukajya umugarura ku murongo n'ibyataguye kuvugwa.
- II. Indangare: ararangara kandi akarangaza n'abandi, akaba yavuye ibyabazanywe cyangwa akigira mu byo. Kugira ngo umugarure ni ukumuhamagaza ukamubaza ikibazo cyoroshye kandi cyumvikana vuba, ukamubaza icyo atekereza ku mpaka zigibwa.
12. Umwirasi: yiyemeza kuli bagenzi be, akabereka ko abasuzuguye. Uwo ni ukumwihanganira ukilinda icyashobora kumurakaza, ntiwaho kumunegura, usa nuwemera ibyo avuze maze ukongeraho uti: aliko se ko umenya

...../.....

- Nahaye ijambo buli wese,nubashye ibitekerezo byavuzwe nundi ?
- Sinigeze ngira uruhande mbogamiramo mu mpaka ?
- Nakoresheje ibibazo bisubiza iby'abandi cyangwa bishaka ko mu nama abandi bagerageza gusubiza ?
- Nagiye mvuga mu magambo make ingingo abantu bumvikanyeho cyangwa banyuranyeho ?
- Nifashe neza ? Abali mu nama bigeze bananirana ?
- Inama yarangiliye igihe yali yateganiliywe kurangilira ?
- N'ibindi

IBIBAZO.

Ibibazo ni kimwe mubyo animateri akoresha kugira ngo ayobore inama kandi impaka zigibwe neza,anatume abaraho bese bakulikira neza. Ubuganga mu gutanga ibibazo igihe cy'inama bugaragazwa nuko ibibazo bibajijwe uko bikwiye,mu magambo atunganye,mu gihe gutunganye kandi ubajijwe akaba akwiye kubazwa. Umuyobozi yilinda kubaza ikibazo gikubiyemo yemo igisubizo cyacyo, kereka hagize usubiza atararangiza kubaza ikibazo cye neza. Akamaro ko kubaza nuguha abandi umwanya ngo bakoreshe ubwenge bwabo niyo mpamvu animateri yilinda kwisubiliza ibibazo abajije kereka niba koko ari we wenyine ushoboye gusubiza; aliko kandi si byiza kubaza ibibazo uzi neza ko badashobora gusubiza kugira ngo ukunde ubereke kubarenze,ubiyemezeho; ibyiza nugutanga ikibazo mu magambo yoroshye kandi yumvikana.

UMUSOZO.

Ibi byose tumaze kubona biratwerekako kugira ngo inama izagere ku kintu kigaragara bizaterwa cyane cyane n'imyifatire y'uyiyobora kuko igihe atazi umulimo we wo kuyobora abandi uzasanga nta bwumvikane buhali,buli wese yiha ijambo uko ashaka maze inama irangire nta cyemezo cyafashwe. Kuyobora inama neza ni ugutuma bese bayikulikira,bakungurana ibitekerezo, buli wese akagira icyo yunguka agikuye ku bandi bali kumwe.

Par KANYANDEKWE Emile, Inspecteur des Coopératives.

Février 1979.

L'Encadreur de la Jeunesse vu comme agent de développement.

(Exposé présent lors de la session de recyclage des Encadreurs communaux, Févr.79)

INTRODUCTION.

Au cours de la présente session, il sera question du développement. Un des invités doit venir vous entretenir des principes-directeurs du Plan d'Action Communale.

Lors d'une prochaine session, il sera, sans doute, intéressant de se pencher sur le contenu du Plan Quinquenal 1977-1981, qui fixe les grands objectifs de développement du pays pour cette période. A ce propos, rappelons brièvement que ces 4 grandes missions sont les suivantes:

- A. Satisfaire les besoins alimentaires de la population.
- B. Promouvoir une meilleure utilisation de la main d'oeuvre.
- C. Améliorer les conditions de vie individuelles et collectives.
- D. Améliorer la position du Rwanda vis à vis de l'extérieur.

Ces missions sont formulées sous forme d'objectifs à réaliser pour les secteurs d'activités suivants:

- Secteur du développement rural
- Secteur des mines, industrie et artisanat
- Secteur des services et du commerce.
- Secteur des infrastructures économiques et sociales.
- Secteur du développement social, administratif et culturel.
- Secteur de la monnaie, des finances et du crédit.

